REPUBULIKA Y'U RWANDA

KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

IBYEMEZO BY'INAMA Y'UBUYOBOZI BWA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA YO KU WA 16 WERURWE 2020

Hashingiwe ku Mabwiriza ya Goverinoma y'u Rwanda arebana no kwirinda ikwirakwiza ry'icyorezo cya Coranavirus cyamaze kugera mu Gihugu cyacu;Ubuyobozi bwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora bwafashe ibyemezo bikurikira:

1. Ibikorwa bikurikira byari muri gahunda za Komisiyo y'Igihugu y'Amatora bihuza abantu benshi birasubitswe:
   - Ibikorwa byose bijyanye n'amatora yo kuzuza Inama Njyanama na Komite Nyobozi z'Akarere ka NYANZA n'aka RWAMAGANA;
   - Gukoresha ibizamini by'abasabye akazi ku mwanya wo gukora "saisie" ya lisiti y'itora byari biteganyijwe tariki ya 18, 19, na 20 Werurwe;
   - Isuzumabikorwa ry'Amahugurwa y'Uburere mboneragihugu ryari riteganyijwe mu Mujyi wa Kigali n'Intara y'Iburasirazuba ryari giteganyijwe ku wa 18 na 19 Werurwe 2020
2. Abayobozi n'Abakozi ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora bemerewe gukorera akazi mu ngo zabo hifashishijwe ikoranabuhanga ;
3. Kubera ko Komisiyo y'Igihugu y'Amatora izakomeza kwakira abayigana, hazabaho abakozi bazajya basimburana kuri 'Reception'. Abo ni Mujawamariya Lydie, Uwizeye Divine, Yangeneye M. Rose, na Niyigena Jean Bosco; Buri umwe azajya akora iminsi ibiri ikurikirana asimburwe na mugenzi we nkuko bakurikirana guhera tariki ya 16/03/2020;
4. Komisiyo izashakira udupfukamunwa (masques) na 'gants' abashinzwe kwakira abayigana bazajya bambara mu rwego rwo kwirinda;
5. Gutera igikumwe (finger print) ku mukozi uje ku kazi bibaye bihagaze ;
6. Kuba umukozi akorera akazi mu rugo iwe ntibigomba kuba impamvu yo kutarangiza inshingano ze mu gihe cyagenywe
7. Mu gihe bibaye ngombwa, ubuyobozi buzahamagaza mu kazi umukozi wese ukenewe kugirango hatagira ibidindira mu kazi;

Ibi byose bireba abakozi bakorera ku cyicaro gikuru n'abakorera mu Ntara, Umujyi wa Kigali no mu Turere.

Bikorewe I Kigali ku wa 16/03/2020

MUNYANEZA Charles;

Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.